

Perezida Kagame akomeje gukoresha umucuruzi Hatali Sekoko mu gusahurira umutungo w'ighugu muri Dubai



Uburyo perezida Kagame asahura Igihugu !

Amakuru agera ku Umuvugizi yemeza ko perezida Kagame akomeje gusahurira umutungo w'ighugu muri Dubai, akoresheje umucuruzi Hatali Said Sekoko. Hatali akaba ari na we yagiye akoresha mu bujura butandukanye burimo no kumwubakira umutamenwa ubarizwa mu mujyi wa Kigali, ahahoze gare routiere, uyu mutamenwa ukaba wanditse ku mazina ya sosiyete DOYELCY.

Perezida Kagame akaba akomeje no gukoresha indi sosiyete yitwa Laguna na none yanditse ku mazina y'igikoresho cye Said Sekoko Hatali kugirango kigende kimugurira imitamenwa iri hirya no hino muri Dubai. Ubwo bujura bukaba butwara akayabo katabarika, akayabo kava hirya no hino mu misoro y'abaturage no mu mafaranga atangwa n'abatera nkunga.

Nk'uko Umuvugizi wanabikoreye iperereza, na none Perezida Kagame Paul, akoresheje Hatali Sekoko, yashoboye kugura na sosiyete yitwa Jumeirah Golf Estates, agura umutamenwa w'akataraboneka muri Dubai, akaba yaraje kuwishyuraho igice cy'amafaranga, nk'uko bigaragazwa n'inyandiko iri ku mugereka w'iyi nkuru. Iyo nyandiko y'ubuguzi cyangwa y'ubwishi ikaba yarashowemo akayabo kagera kuri 1.994.442 y'amafaranga akoreshwu muri Dubai; uwo mutamenwa ubarizwa muri Dubai kandi ukaba waranditswe mu mazina ya Hatali Said Sekoko.



Ubujura bwa perezida Kagame



Ubujura bwa perezida Kagame 004

Nk'uko na none Umuvugizi washoboye kubitahura, twashoboye kubona compte za perezida Kagame na none ziri mu mazina ya Hatali Sekoko, akoresheje sosiyete yitwa LAGUNA Towel, ibarizwa I Kigali. Akaba na none yarishyuye amadubai atandukanye; ako kayabo kakaba kari kagenewe kugura umusozi uzwi kw'izina rya "The Villa SPA". Iyo mitamenwa y'umuherwe Kagame Paul ikaba ibarizwa ahitwa Jemeirah Golf Estates.



Ubujura bwa perezida Kagame 005

Nguko uko perezida Kagame asahura umutungo w'igihugu asa nk'aho afite uwo basiganwa. Ubu bujura akaba abukora yihishe inyuma y'amazina y'ibikoresho bye bitandukanye.

Tuzakomeza kubagezaho iby'ubujura bwe akomeje gukorera hirya no hino kw'isi.

Gasasira, Sweden.
editor @umuvugizi.com